REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY
ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE
UBUSHINJACYAHA BUKURU

ISHAMI RISHINZWE GUKURIKIRANA IBYAHA BY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

1. AMAVU N'AMAVUKO

Nyuma y'aho bigaragariye ko ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina byiyongera bityo bikaba byari ngombwa ko bikurikiranwa by'umwihariko, Ubushinjacyaha Bukuru bwashyizeho ishami rishinzwe gukurikirana by'umwihariko ibyo byaha. Ishami ryaratangiye gukora mu mwaka wa 2005 ariko, kugeza mu mwaka wa 2015 rikaba ritaragaragaraga ku rutonde rw'amashami yo mu Bushinjacyaha Bukuru akurikirana by'umwihariko ibyaha byihariye. Muri uwo mwaka wa 2015 nibwo ryemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 13/02/2015 nk'ishami ry'Ubushinjacyaha Bukuru ndetse rihabwa n'Umuyobozi.

2. ABAGIZE ITSINDA

Ishami rishinzwe gukurikirana by'umwihariko ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigizwe n'abashinjacyaha cumi na batatu ari bo:

- Umushinjacyaha umwe kuri buri Rwego Rwisumbuye rw'Ubushinjacyaha (12)
- Umushinjacyaha umwe ukorera ku Cyicaro Gikuru cy'Ubushinjacyaha unariyobora.

3. INSHINGANO

By'umwihariko Ishami rishinzwe gukurikirana by'umwihariko ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishinzwe

- abakekwaho ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ririkorerwa abana ndetse n'abantu bakuru,

- Kwakira, gusesengura no gushakira umuti ibibazo by'abahohotewe bagana Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa abanyuza ibibazo byabo ku murongo wa telefoni utishyurwa 3677
- Gufatanya n'izindi nzego za Leta zirebwa n'iki kibazo mu gushyiraho ingamba zo gukumira ibi byaha,
- Gukangurira abantu no kubasobanurira ububi bw'ibi byaha n'ingaruka bitera binyujijwe ku maradiyo no mu biganiro bitandukanye
- Gukusanya, Kohereza no kwakira ibimenyetso bishingiye kuri ADN,
- Gutegura amahugurwa agamije kongerera ubumenyi abashinjacyaha bakurikirana ibi byaha
- Gutanga Raporo y'ibikorwa.

4. IBYAGEZWEHO KUVA 2008 -2014

A. Ikorwa ry'amadosiye:

Umwaka	Ibirarane	Izinjiye	Zose hamwe	Izakozwe	Izasigaye	% izakozwe	Dosiye zoherejwe mu Budage gupimwa ibizamini bya DNA
2007		**3123**	**3123**	**2563**	**560**	**82.07**	**50**
2008	**560**	**2196**	**2756**	**2649**	**107**	**96.12**	**51**
2009	**107**	**2261**	**2368**	**1667**	**701**	**70.4**	**67**
2010	**701**	**1855**	**2556**	**1553**	**1003**	**60.76**	**68**
2011	**1003**	**1272**	**2275**	**1426**	**849**	**62.68**	**83**
01-06/2012	**849**	**861**	**1710**	**861**	**849**	**50.35**	**14**
2012-2013	**849**	**2798**	**3647**	**3618**	**29**	**99.2**	**46**
2013-2014	**29**	**2837**	**2866**	**2866**	**0**	**100**	**75**
igiteranyo		**17203**		**17203**	**0**		**454**

B. Ibindi bikorwa byakozwe:

1. Hatanzwe amahugurwa yahawe abagenzacyaha n'abashinjacyaha ku ikurikirana ry'ibi byaha,
2. Hakozwe ingendo shuri hanze y'igihugu hagamijwe kureba uko ibi byaha bikurikiranwa,
3. Hakozwe DVD film igamije kwigisha uko ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bikurikiranwa. Iyi Film ikaba yarahawe ibigo by'amashuri yisumbuye muri buri fasi y'Ubushinjacyaha Bukuru ku Rwego Rwisumbuye mu rwego rwo gusobanurira urubyiruko uko ibi byaha bikurikiranwa n'uko bihanwa,
4. Hashyizweho umurongo wa Telefoni utishyurwa 3677 ku bantu bakorewe icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
5. Hatanzwe ibiganiro ku maradiyo atandukanye hasobanurwa itegeko rikumira kandi rigahana icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
6. Hakozwe ubushakashatsi ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana,
7. Hasinywe amasezerano hagati y'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ibitaro bya Hamburg mu Budage agamije gupima ibizamini bya DNA.

5. IBIZAKORWA MU MWAKA WA 2015

1. Kwihutisha amadosiye y'ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina
2. Kohereza ibizamini bya DNA mu Budage mu rwego rwo gushaka ibimenyetso bicukumbuwe.
3. Gukora Film Documentaire ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu hashingiwe ku mategeko mashya.